ASb approved



# Igikinisho cya mushiki wa Abeli

Tr. Ukunzwe tito
Jesse Breytenbach

Kinyarwanda

African Storybook.org



Har' umuhunhungu witwanga Abel. Yikoreye igitogotogo. Abel ntiyarafite umufasha gutwara igitogotogo cye.

Nuko abwira mushiki we Meri "Nshaka umushoferi w'  igitogotogo cyanjye. Mpa igipupe cyawe. Gishobora kwicara mu igitogtogo."



Ariko meri aramusubiza ati "Oya, nkeneye igipupe cyanjye." Mu gihe Meri yari amwinye igipupe, Abel yararakaye. Akurura igipupe asunika mushiki we.

Meri akurura igipupe na Abel akurura igipupe. Amaboko yacyo aracika.



Meri ararira asanga mama we. "Mama reba, Abel akuruye amaboko y'igipupe cyanjye avaho. Yashakago kugitwara ku gitogotogo cye"

Mama we aramusubiza ati:
"Abel ntiyitwaye neza"



Nuko mama agira
igitekerezo cy' uburyo
yakwigisha Abel
kudakubaganya
ibikoresho bya mushiki we.

Ajya ku imwe mu inshuti
ze yari umuganga
aramubwira ati: "Ndashaka
k' umfasha." Umuganga
aramusubiza ati:
"Nagufasha gute nshuti
yanjye"



Mama aramusibiza ati: "Umuhungi wanjye Abel ari kwitwara nabi muri iyi minsi. Yashikuje amaboko y'igipupe cya mushiki we. Ntiyagomabanga kubikora.

Ejo nzamusaba  kukizana hano kugirango uyasubize ho."



"Nurangiza kugikora,
uzamusabe akwishyure,
ntamafaranga afite, rero
uzamubwire koza iriya
modoka yawe ihorana
ivumbi"

Inshuti ye iraseka, iravuga
iti "Eee-ee, ibyo ni byiza"



Nyina wa Abel asubira imuhira. Abaza Abel ati "iyo wakomeretse cya undwaye ujya he?" Abel aramusubiza ati "iyo ndwaye cg nakomeretse, njya kwa muganga"

Nyina wa Abel aramubwira ati: "wakomerekeje cya gipupe, ugomaba kukinjyana kwa muganga"



Nuko Abel ajyana igipupe kwa muganga aramubwira ati "iki gipupe cyakomeretse cyane.  Mama yambwiye kukikuzanira. Hari ubwo wakiza ukuboko kwacyo."

Muganga arabyemera akiza ukuboko kw' igipupe



Nuko muganga abwira Abel "igipupe cyakize, ugombe kunyishyura. Ufite amafaranga angahe?"

Abel aramusubiza ati: "nt'amafaranga mfite ntabwo nshobora kukwishyura."



Muganga aramusubiza ati "nt'amafaranga ufite? Imodoka yanjye irasa nabi! Genda uyoze neza ni uko uri bunyishyure."

Abel afata indobo yuzuye amazi n' igifuka. Byamufashe akanya kanini  koza imodoka.



Nuko Abel atahana igipupe agiha Meri. Arishima cyane abwira Abel ati: "ur'umuvandimwe mwiza. Wakoze gukora igipupe cyanjye"

Abel aramusubiza ati: "ndagusaba imbabazi zuko narakaye maze nkakubabaza."



7]^I˜]_W˜U]V[Q˜-JMT˜
V\QaWVOMaM˜O]NI\I˜
QJQSWZM[PW˜JaI˜U][PQSQ˜_M˜
SIVLQ˜IOMZIOMbI˜
S]\WVOMZI˜S]U]JIJIbI˜˜
˜

˜

-JMT˜aISWUMRM˜S_QJ]SI˜
]U_IVaI˜JaIU]NI[PM˜
SWbI˜QUWLWSI˜a]U]OIVOI˜
EMUMbI˜SW˜JQLIS_QaM˜˜˜˜˜˜˜˜˜˜
SWVOMZI˜S]ZISIZI˜V]˜S_QKI˜
QJQSWZM[PW˜
˜

AN\M~] J ] ZMVO I Vb Z I ~J _ W~O ] S ] Z I U W ~O ] SWXWZWZ I ~O ] P VL ] Z I ~Ka I VO _ I ~O ] P ] b I ~ a ~VS ] Z ] ~S I VL ~] SWZM [PM~ I U I [P ] [PW~U ] O PM~~KaW [M~] Ja \ Z aM~~~~ U ] J ] ZaW~J ] S ] Z S Z I

5O S V [PW~Ka I ~U ] [P S ~_ I ~- JMT ~

**Umwamditsi** ~I ~1aWJ ~7 \ I _~
**Cyhinduwe** ~ ~] S ] Vb _M~\ \W~
**Icyitegererezo** ~I ~6M [ [M~. ZMa\MVJ I KP~
**Ururimi** I ~7 Va I Z _ I VL I ~
**Urwego** ~I ~< I Z I O I Z I NM~a I ~U JMZM~

© African Storybook Initiative 2017~
Creative Commons: Attribution 4.0~
5J SWZ _ I ~J P I VO I ~5V [P VO I VW~
5VSW U WSW www.africanstorybook.org~